ANIVERISERI NZIZA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI UMWEPISKOPI WA DIYOSEZI YA NYUNDO KURI UYU MUNSI WA BIKIRA MARIYA UMUBYEYI WA KILIZIYA

Tariki 21 Gicurasi 2016 nibwo Diyosezi ya Nyundo yabonye Umwepiskopi mushya,Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA. Iyi tariki ngarukamwaka ubu ikaba yahuriranye no Guhimbaza **Umunsi Mukuru wa Bikira Mariya Umubyeyi wa Kiliziya** uhimbajwe ubwa mbere muri Kiliziya ku isi hose. Mu kwifuriza umwepiskopi wa Nyundo aniveriseri nziza y'imyaka ibiri amaze ari Umwepiskopi wa Nyundo, abasaseridoti, abihayimana ndetse n'abakristu batuye hafi y'icyicaro cya Diyosezi ya Nyundo bifatanyije n'Umwepiskopi mu masengesho ya nimugoroba ubanziriza itariki 21 Gicurasi 2018.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, ari kumwe na Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI, tumwifuriza umunsi mukuru mwiza.

Mu Gitambo cy'Ukaristiya, tariki 21 Gicurasi 2018, Nyiricyubahiro Musenyeri yatangiye abwira abakristu baje mu Missa ati: «**Nejejwe no kubamenyesha ko nk'uko byifujwe na Nyirubutungane Papa Fransisko, bikemezwa na Congrégation pour le Culte Divin et de la Discipline des Sacrements, ku wa mbere wa Pentecoste wa buri mwaka , abakristu b'isi yose bazajya bahimbaza Umunsi Mukuru wa Bikira Mariya Umubyeyi wa Kiliziya**.» Natwe guhimbaza Umubyeyi wa Kiliziya ariwe Mubyeyi wacu bidufitiye akamaro gakomeye cyane. Yakomeje agira ati nk'uko Ivanjili yanditswe na Yohani 19,25-27,ibitubwira:

«Iruhande rw’umusaraba wa Yezu hari hahagaze Nyina, na Nyina wabo Mariya Mukakilopa na Mariya Madalena. Yezu abonye Nyina ahagararanye na wa mwigishwa yakundaga, abwira Nyina ati :« Mubyeyi dore umwana wawe.» Abwira na wa mwigishwa ati : « Dore Nyoko.» Guhera icyo gihe uwo mwigishwa amujyana iwe.» Bikira Mariya ni Umubyeyi wa Kiliziya. Yohani yari aduhagarariye twese igihe Yezu amuha ho Bikira Mariya Umubyeyi. Yakomeje avuga ko kuba byabaye impurirane guhimbaza uyu munsi mukuru no guhimbaza aniveriseri nabyo ari byiza. Yasabye abakristu gukomeza kumusabira ngo akomeze kuba Umushumba mwiza yigane Kristu. Yashimiye abaje bose akomeza kubifuriza umunsi mwiza wa Bikira Mariya Umubyeyi wa Kiliziya.

Abakristu baje kwishimira Umwepiskopi no ku mwifuriza aniveriseri nziza.

ANIVERISERI NZIZA IMANA IZABAKOMEZE MU MIRIMO YANYU.

Padiri Jean Marie KWIZERA